# 289: Igitabo cy'lmana, Ndagikunda

1. Igitabo cy'lmana, Ndagikunda, n'icyanjye : Ni cyo kimbwir' ukuri, Yuko nd' umunyabyaha.

2. Kinyigish' urukundo Rw'Umucunguzi wanjye : Iyo nyoby' inzira ye, Vub kirantarura.

3. iyo ntewe n'ibyago, Kimar' umubabaro; Nigishwa na cyo yuko Nd' umusuhuke mwisi.

4. Igitabo cy' Imana Kimbwira yuk' umuntu Azanesha n'urupfu, Yizey' Umucunguzi.

5. Kimbwira k' utihana, Agapfan' ibyaha bye, Azarimbuka koko, Ntabane n'Uwiteka.

6. Kandi nigishwa na cyo Kw' abakunzi ba Yesu Bazahabw' ibyishimo Bitazashir' iteka.

7. Igitabo cy'lmana Gihora kinyigisha Amagamb' ahebuje : Ndagikundir' ukuri.

Visit us at indirimbo.com